REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RUKURU RW'UBUCURUZI

B.P: 7197 KIGALI

**ITEGEKO RYA PEREZIDA N° 0025/2019/HCC RIHAMAGAZA UMUBURANYI UDAFITE AHO ATUYE CYANGWA AHO ABA HAZWI**

Umwaka wa 2019, umunsi wa 17 w'ukwezi kwa Nzeri;

Twebwe, **KAMERE Emmanuel**, Perezida w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, dufashijwe na **Byukusenge Elisee,** Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko mu rubanza RCOMA 00369/2019/HCC, ruburanwamo na UMUTANGUHA FINANCE COMPANY LTD irega DUSINGIZE Marie Josée na NIYOMUGABO Jean Bosco, uwajuriye yatugaragarije ko abaregwa badafite aho batuye cyangwa babarizwa hazwi, haba mu Rwanda no mu mahanga, nkuko byemejwe n'umuhesha w'inkiko w'umwuga witwa Me Niyongira François Xavier;

Dushingiye ku ngingo ya 45, 46 n'iya 49 z'Itegeko n° 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi;

Duhamagaye DUSINGIZE Marie Josée na NIYOMUGABO Jean Bosco kwitaba Urukiko Rukuru rw'ubucuruzi kuwa **27/12/2019 saa tanu za mugitondo (11h00)**, mu nama ntegurarubanza y'urubanza RCOMA 00369/2019/HCC rwavuzwe haruguru;

Tumenyesheje **DUSINGIZE Marie Josée** na **NIYOMUGABO Jean Bosco** ko ibisobanuro birambuye kuri uru rubanza babibona banyuze mu nzira y'ikoranabuhanga ya **iecms.gov.rw** bamaze gushyikiriza ubwanditsi bw'uru rukiko umurongo wa interineti (e-mail) bazajya bamenyesherezwaho ibijyanye n'urubanza rwabo;

Dutegetse ko amahamagara ya **DUSINGIZE Marie Josée** na **NIYOMUGABO Jean Bosco,** amanikwa mu gihe cy'amezi atatu ku Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi no ku Rukiko rw'Ubucuruzi, ahamanikwa amatangazo;

Dutegetse ko iri tegeko ritangazwa mu kinyamakuru **IMVAHO NSHYA** no ku **RUBUGA RW'URWEGO RW'UBUCAMANZA.**

**KAMERE Emmanuel**

(Perezida)

P.O: **Rutazana Angeline** (Visi Perezida)

**Byukusenge Elisee**

(Umwanditsi)